

Gukora gahunda y'uburezi yihariye y'umwana wanjye



Umwana wawe amaze kwemererwa uburezi budasanzwe, ishuri rikorana nawe gahunda kugira ngo mwizere ko umwana wawe afite ubufasha mu myigire n'aho kuba hakenewe kugira ngo ahabwe uburezi bukwiye. Iyi gahunda yitwa Gahunda y'uburezi bwihariye cyangwa IEP.

IEP y'umwana wange ikorwa gute?

- Ishuri ry'umwana wawe rigutumira mu nama ya IEP kugira ngo mukorane gahunda buri mwaka. Abandi bagize ikipe bashobora kubamo abarimu b'umwana wawe, uhagarariye ifasi ishuri ririmo, inzobere mu bumenyamuntu ku ishuri n'izindi nzobere.
- **Umwana wawe arashishikarizwa kwitabira ndetse no kuyobora inama za IEP.** Ibi ni byiza by'umwihariko niba umwana wawe ari mukuru, yiga mu mashuri yisumbuye.
- **Ushobora gutumira umuntu wese ufite ubumenyi cyangwa ubuhanga mu birebana n'umwana wawe mu nama ya IEP ye, harimo n'ushinzwe dosiye yawe.**
- **Ishuri rigomba gutanga umusemuze w'ururimi kavukire rwawe muri iyi nama.**

Hakurikiraho iki nyuma y'inama ya IEP?

Ikipe imaze gukora IEP y'umwana wawe, ishuri rye rigomba kuyikurikiza rimuha serivisi n'ubufasha biyirimo. Ikipe ya IEP izahura nibura rimwe buri mwaka kugira ngo igenzure kandi ivugurure IEP. Niba wifuzaga guhura hagati y'inama zihoraho za buri mwaka, ushobora kwandikira ishuri usaba inama ya IEP igihe icyo ari cyo cyose. Ishuri rigomba gutegura inama mu minsi 45 y'amasomo ubusabe bwakiriwe.



Niba umwana wawe atujuje ibisabwa ngo yemererwe IEP, ashobora guhabwa **Gahunda 504**. Menya byinshi kuri **Gahunda 504** biri mu gatabo kacyi kuri **Nakora iki niba umwana wange atemerewe uburezi budasanzwe?**